



Guverinoma y'Intara ya Wake Imenyeshya ry'Uburyo bwo Kurinda Ubuzima Bwite

Bizatangira gukurikizwa:	04/14/2003	Byasuzumwe:	02/13/2026
--------------------------	------------	-------------	------------

IRI MENYESHA RISOBANURA UBURYO AMAKURU Y'UBUVUZI AKWEREKEYEHO
ASHOBORA GUKORESHWA KANDI AGATANGAZWA NDETSE N'UBURYO UGERA
KURI AYA MAKURU. YASUZUME WITONZE.

DUSABWA N'AMATEGEKO KURINDA AMAKURU Y'UBUZI AKWEREKEYEHO

Dusabwa n'itegeko kurinda ibanga ry'amakuru y'ubuvuzi akwerekeyeho kandi akugaragaza. Tunasabwa kuguha iri Menyesha rivuga ku buryo turinda ubuzima bwite, tugusobanurira inshingano dufite mu rwego rw'amategeko n'uburenganzira bwawe ku makuru yawe y'ubuzima. Tugomba gukurikiza uburyo bwo kurinda ubuzima bwite bwashobanuwe muri iri Menyesha mu gihe rikurikizwa.

Twihariye uburenganzira bwo gukora impinduka ku buryo bwacu bwo kurinda ubuzima bwite n'amabwiriza agize iri Menyesha igihe icyo ari cyo cyose, izi mpinduka zipfa kuba zemewe n'amategeko. Twihariye uburenganzira bwo gukora impinduka mu buryo bwacu bwo kurinda ubuzima bwite n'amabwiriza agize Imenyeshya ryacu kandi akurikizwa ku makuru yose y'ubuzima tubungabunga, harimo n'amakuru y'ubuzima twakusanyije cyangwa twakiriye mbere yo gukora impinduka. Mbere yo gukora impinduka zifatika mu buryo bwacyi bwo kurinda ubuzima bwite, tuzahindura iri Menyesha maze dukore ku buryo irindi Menyesha riba riboneka igihe risabwe.

Ushobora gusaba kopi y'Imenyeshya ryacu igihe icyo ari cyo cyose Niba ufite ibibazo ku makuru ari muri iri Menyesha cyangwa amabwiriza yacu agenga ubuzima bwite, uburyo bw'imikorere cyangwa ibikora, ushobora guhamagara Umukozi wacu Ushinzwe Kurinda Ubuzima Bwite kuri (919) 856-5643.

UKO DUSHOBORA GUKORESHA KANDI TUGATANGAZA AMAKURU Y'UBUZIMA AKWEREKEYEHO MU BIHE BIMWE NA BIMWE

Dukoresha kandi tugatangaza amakuru y'ubuzima akwerekeyeho mu rwego rw'ubuvuzi, kwishyura, n'ibikorwa by'ubuvuzi. *Ingero zatanzwe zigamije gusobanura kandi si zose.*

UBUVUZI: Dushobora gukoresha cyangwa tugatangaza amakuru yawe y'ubuzima ku muganga cyangwa undi utanga serivisi z'ubuvuzi ukuvura. undi muntu ukora mu buvuzi woherejweho kugira ngo hakorwe ku buryo uwo muntu agira amakuru ya ngombwa amufasha kugusuzuma cyangwa kukuvura.

KWISHYURWA: Dushobora gukoresha cyangwa tugatangaza amakuru y'ubuzima yawe kugira ngo twishyurwe serivisi Urugero, dushobora gutangariza ubwishingizi bwawe amakuru y'ubuzima yawe kugira ngo twemerewe kukuvura.



Guverinoma y'Intara ya Wake Imenyeshya ry'Uburyo bwo Kurinda Ubuzima Bwite

Bizatangira gukurikizwa:	04/14/2003	Byasuzumwe:	02/13/2026
--------------------------	------------	-------------	------------

IBIKORWA BY'UBUVUZI: Dushobora gutangaza amakuru y'ubuzima yawe ku bijyanye n'ibikorwa byacu by'ubuvuzi. Urugero, dushobora gutangaza amakuru yawe ku bwimpamvu zo gukurikirana dosiye. Ibikorwa by'Ubuuvuzi bishobora kuba birimo ibikorwa byo gusesengura ubuziranenge no kunoza imikorere, gusuzuma ubushobozi n'ibyo abanyamwuga mu buvuzi bujije, gusuzuma abakora ubuvuzi n'imikorere y'abatanga serivisi z'ubuvuzi, gukora gahunda z'amahugurwa, kwemeza ubushobozi, gutanga ibyemezo, gutanga uburenganzira cyangwa ibikorwa kugenzura imyirondoro y'abakozi.

GUHANA AMAKURU Y'UBUZIMA: Intara ya Wake iri mu gikorwa cyo Guhana Amakuru y'Ubuzima muri North Carolina kizwi nkas NC HealthConnex. NCHealthConnex ni ihuriro ryizewe rikorera kuri mudasobwa ry'abaganga n'abafomoro, abakozi bo muri farumasi n'abandi banyamwuga mu by'ubuzima bahanahana amakuru y'ubuzima ashobora kunoza ireme ry'ubuvuzi uhabwa. Kwitabira NC HealthConnex bishobora gutuma uhabwa ubuvuzi bwiza kurushaho, serivisi yihuse n'umutekano washyizwe ku rundi rwego n'ikiguzi cy'ubuvuzi cyavuguruwe. Niba udashaka ko Intara ya Wake isangiza amakuru yawe NC HealthConnex, ugomba kugira icyo ukora ukabyanga wohereza ifishi ku Kigo Gishinzwe Guhana Amakuru y'Ubuzima muri North Carolina. Nubwo wahitamo gufata icyemezo cyo kutitabira NC HealthConnex, Intara ya Wake isabwa n'itegeko guha NC HealthConnex amakuru amwe n'amwe yerekeye Medicaid na/cyangwa izindi nkunga za leta. Niba uri umwana, abatanga serivisi na/cyangwa abakozi mukorana bazagufasha kohereza ifishi yo kureka kwitabira. Andi makuru yerekeye NCHealthConnex n'uburyo bwo kureka kwitabira biboneka kuri <https://hiea.nc.gov>.

UBURENGANZIRA UTANGA: Keretse nuduha uruhushya rwanditse, ntidushobora gukoresha cyangwa ngo dutangaze amakuru yawe y'ubuzima ku yindi mpamvu yose uretse impamvu zasobanuwe muri iri Menyeshya. Uretse gukoresha amakuru yawe y'ubuzima mu buvuzi, kwishyurwa cyangwa ibikorwa by'ubuvuzi, ushobora kuduha uruhushya rwanditse rwo gukoresha amakuru yawe y'ubuzima cyangwa rwo kuyereka umuntu uwo ari we wese ku mpamvu iyo ari yo yose. Nuduha uruhushya, ushobora kurutseha agaciro mu nyandiko igihe icyo ari cyo cyose. Kurutesha agaciro ntibizagira ingaruka ku ikoresha cyangwa itangazwa iryo ari ryose ryemewe n'uruhushya rwawe mu gihe rwari rufite agaciro.

INYANDIKO ZA MUGANGA WINDWARA ZO MU MUTWE: Ikoreshwa n'itangazwa ryinshi ry'inyandiko za muganga w'indwara zo mu mutwe rizasaba uruhushya rwanditse. Ushobora kubaza ibijyanye n'ikoreshwa n'itangazwa ryihariye ry'inyandiko za muganga w'indwara zo mu mutwe.

SMAKURU YO KUVURA INDWAZA ZIKOMOKA KU IKORESHA RY'IBIYOBWENGE: Dushobora guhabwa no kubika amakuru y'ubuvuzi bw'indwara zikomoka ku ikoresha ry'ibiyobyabwenge ("SUD") aturuka muri porogaramu zimwe na zimwe cyangwa ibikorwa bijyanye n'amasomo ikoresha ry'ibiyobyawenge, kubikumira, amahugurwa,



Guverinoma y'Intara ya Wake Imenyeshya ry'Uburyo bwo Kurinda Ubuzima Bwite

Bizatangira gukurikizwa:	04/14/2003	Byasuzumwe:	02/13/2026
--------------------------	------------	-------------	------------

ubuvuzi, gusubiza mu buzima busanzwe cyangwa ubushakashatsi burinzwe hakurikijwe 42 C.F.R. Igice cya 2 ("Porogaramu y'Igice cya 2"). Niduhabwa cyangwa tukabika amakuru yawe ya Porogaramu y'Igice cya 2 hashingiwe ku bwumvikane rusange ko wahaye Porogaramu y'Igice cya 2 uburenganzira buyemerera gukoresha no kwerekana amakuru yawe ya Porogaramu y'Igice cya 2 hagamijwe ubuvuzi, kwishyura, cyangwa ibikorwa by'ubuvuzi, dushobora gukoresha cyangwa kwerekana ayo makuru mu buvuzi, kwishyura, n'ibikorwa by'ubuvuzi nk'uko byasobanuwe muri iri Menyesha, ariko bikagengwa n'uburenganzira bumwe, ibibujijwe, n'amategeko. Ariko iyo twakiriye cyangwa tukabika amakuru ya Porogaramu y'Igice cya 2 yawe hagendewe ku bwumvikane bwihariye bwanditse waduhaye cyangwa wahaye urundi ruhande, tuzakoresha kandi twerekane aya makuru akoreshwa gusa ku rugero rwemewe n'ubwo bwumvikane wayatangiye. Amakuru y'ubuzima arinzwe ya SUD yose yagaragajwe ashobora kongera kugaragazwa Ntituzakoresha cyangwa ngo tugaragaze amakuru ya Porogaramu y'Igice cya 2 yawe, cyangwa ngo twemeze cyangwa ngo dutange ibimenyetso bisobanura amakuru akubiye muri izo nyandiko, mu rubanza urwo ari rwo rwose, mbonezamubano, rw'ubugizi bwa nabi, rwo mu rwego rw'ubuyobozi, cyangwa rw'amategeko rwakorwa n'igihugu, leta, cyangwa umyobozi wo ku rwego rw'ibanze bakurega, keretse iri koreshwa cyangwa igaragazwa ry'amakuru wararitangiye uburenganzira bwanditse cyangwa icyemezo cy'urukiko icyo ari cyo cyose cyatanzwe nyuma yo kubikumenyeshya.

IKUSANYANKUNGA: Ufite uburenganzira bwo kuva mu gikorwa cyo kwakira ubutumwa bw'ikusanyankunga.

AMAKURU NDANGAKOKO: Amakuru ndangakoko yawe ntazakoresha cyangwa ngo atangazwe mu rwego rwo gusuzuma niba wemerewe ubwishingizi.

Kugurisha Amakuru y'Ubuzima: ikoreshwa cyangwa itanagzwa ry'amakuru ririmo kuyagurisha ntiryemewe utabitangiye uruhushya.

KUKWEREKA AMAKURU, KUYEREKA UMURYANGO WAWU, CYANGWA INSHUTI ZAWU: Tugomba kukwereka amakuru yawe hashingiwe ku gice cy'Uburenganzira bw'Umurwayi cy'iri Menyesha. Dushobora kwereka amakuru y'ubuzima bwawe ugize umuryango, inshuti cyanwaga undi muntu kugeza ku kigero cya ngoma amu kugufasha mu buvuzi bwawe cyanwaga mu kwishyura ubuvuzi bwawe, ariko bigakorwa gusa ari uko ubiduhereye uruhushya.

ABANTU BAGIRA URUHARE MU BUVUZI BWAWU: Dushobora gukoresha cyangwa gutangaza amakuru y'ubuzima mu kumenyeshya, cyangwa gufasha abandi mu kumenyeshya ugize umuryango, uguhagarariye cyangwa undi muntu ushinze ubuvuzi bwawe aho uri, uko umerewe muri rusange, cyangwa urupfu. Nuba uhari, tuzaguha amahirwe yo kwanga bene iri tangazwa ry'amakuru y'ubuzima yawe mbere y'ikoreshwa cyangwa itangazwa ry'amakuru. Mu gihe utakaje ubushobozi bwo kugira icyo ukora cyangwa ukagira ikibazo cy'ubuvuzi gitunguranye, tuzatangaza amakuru



Guverinoma y'Intara ya Wake Imenyeshya ry'Uburyo bwo Kurinda Ubuzima Bwite

Bizatangira gukurikizwa:	04/14/2003	Byasuzumwe:	02/13/2026
--------------------------	------------	-------------	------------

yawe y'ubuzima dushingiye ku mitekerereze yacu ya kinyamwuga y'uko iri tangazwa rireba mu buryo butaziguye uruhare rw'uyu muntu mu buvuzi bwawe. Tuzanakoresha kandi imitekerereze yacu ya kinyamwuga n'uburambe mu gufata ibyemezo biri mu nyungu zawe biciye mu kwemerera umuntu gufata imiti yanditswe yuzuye, ibikoresho by'ubuvuzis, x-rays, cyangwa andi mafishi y'amakuru y'ubuzima bifitanye isano.

SERIVISI Z'UBUZIMA ZIFITANEY ISANO N'IMENYEKANISHABIKORWA: Gukoresha cyanwaga gutangaza amakuru y'ubuzima mu rwego rw'imenyekanishabikorwa bisaba uruhushya rwawe rwanditse.

BISABWA N'AMATEGEKO: Dushobora gukoresha cyangwa gutangaza amakuru y'ubuzima yawe iyo itegeko ridusabye kubikora.

KUGIRIRWA NABI CYANGWA GUTERERANWA: Dushobora kwereka amakuru yawe y'ubuzima abayobozi bakwiye iyo dufite impamvu yumvikana ituma ushobora kuba warabaye inzirakarengane yo guhohoterwa, kutitabwaho, ihohoterwa rikorerwa mu rugo cyangwa ibindi byaha. Dushobora gutaangaza amakuru y'ubuzima yawe kugeza ku kigero cya ngombwa mu gukumira icyago gikomeye ku buzima bwawe cyangwa umutekano cyangwa ubuzima n'umutekano by'abandi.

UMUTEKANO W'IGIHUGU: Dushobora gutangariza abayobozi b'abasirikare amakuru y'ubuzima y'Abakozi b'Abasirikare mu bihe bimwe na bimwe. Dushobora gutangariza amakuru y'ubuzima abakozi b'igihugu bemewe y'ubuzima basaba mu butasi bwemewe n'amategeko, kuburizamo ubutasi, cyangwa ku mpamvu z'ibindi bikorwa by'umutekano w'igihugu Dushobora gutangariza ibigo ngororamuco cyangwa abakozi bashinzwe gushyira amategeko mu bikorwa amakuru y'ubuzima arinzwe y'imfungwa cyangwa umurwayi mu buryo bwemewe n'amategeko mu bihe bimwe na bimwe.

KWIBUTSA RANDEVU: Dushobora gukoresha amakuru y'ubuzima yawe kugira ngo tuguhe inyibutsa za randevu (nk'ubutumwajwi, amakarita y'ubutumwa, cyangwa amabaruwa).

UBURENGANZIRA BW'UMURWAYI

KUBONA AMAKURU: Ufite uburenganzira bwo kureba cyangwa kubona kopi y'amakuru y'ubuzima yawe, bufite irengayobora rike. Ushobora gusaba ko tuguha kopi ziri mu miterere itari iya fotokopi. Tuzakoresha imiterere usaba uretse igihe tutabasha kubikora. Ugomba gutanga ubu busabe mu nyandiko kugira ngo wemererwe kubona amakuru yawe y'ubuzima. Ushobora gukura ifishi usabiraho uburenganzira bwo kubona amakuru y'ubuzima yawe k'uguha serivisi z'ubuvuzi. Dushobora kuguca amafaranga make y'ikiguzi cy'ibyakoreshajwe kuri kopi n'umwanya w'abakozi. Ku bisobanuro byerekeye igihe ubu busabe bushobora kwangwa, vugisha uguha serivisi z'ubuvuzi.



Guverinoma y'Intara ya Wake Imenyeshya ry'Uburyo bwo Kurinda Ubuzima Bwite

Bizatangira gukurikizwa:	04/14/2003	Byasuzumwe:	02/13/2026
--------------------------	------------	-------------	------------

GUTANGAZA INSHURO AMAKURU YATANGAJWE: Ufite uburenganzira bwo guhabwa urutonde rw'igihe twebye cyangwa abafatanyabikorwa bacu twatangaje amakuru y'ubuzima yawe ku mpamvu zitari iz'ubuvuzi, kwishyurwa, ibikorwa by'ubuvuzi n'ibindi bikorwa bimwe na bimwe byakozwe mu myaka 6 ishije, ariko atari mbere yo ku wa 14 Mata, 2003. Nusaba kumenya inshuro amakuru yawe yatanze mu gihe cy'amezi 12, dushobora kuguca amafaranga make y'ikiguzi yo kuba twasubije ubusabe bw'inyongera.

IBIBUJIJWE: Ufite uburenganzira bwo gusaba ko mwongera impamvu zibuza gutangaza amakuru y'ubuzima yanjye. Uretse mu gihe cyo kwishyura amafaranga ukuye mu mufuka wawe nk'uko byasobanuwe munsu, ntabwo dusabwa kwemera ibi bibujijwe byongerewe, ariko iyo tubyemeye, dukurikiza ubwumvikane twagiranye (uretse igihe habaye ikibazo gitunguranye).

KWISHYURA AMAFARANGA UKUYE MU MUFUKA WAWU: Niba uri kwishyura amafaranga ukuye mu mufuka wawe kuri serivisi wahawe cyangwa igikoresho kiri kuvugwa, uba ufite uburenganzira bwo gusaba ko duhagarika itangazwa ry'amakuru y'ubuzima bwawe kuri iyo serivisi cyangwa igikoresho ku mpamvu zo kwishyura cyangwa ibikorwa by'ubuvuzi. Tugomba gukurikiza ubu busabe kereste itangazwa ry'amakuru ryasabwe n'itegeko. Ugoma gusaba ko hongera impamvu zibuza gutangaza amakuru kandi ukishyura amafaranga ukuye mu mufuka wawe yuzuye kugira ngo ubuze itangazwa ry'amakuru y'ubuvuzi bukurikira ubwo wahawe mbere.

UBUNDI BURYO BW'ITUMANAHU: Ufite burenganzira bwo Gusaba ko uhabwa amakuru yerekeye ubuzima bwawe mu bundi buryo cyangwa ahantu hantu. {Ubusabe bwawe bugomba kugaragaza ubundi buryo cyangwa ahantu kandi bugatanga ibisobanuro binyuze byerekana uko kwishyura bizakorwa hakoreshejwe ubundi buryo cyangwa ahantu usaba.

UZAKENERA GUTANGA UBUSABE BWAWU MU NYANDIKO. Ufite uburenganzira bwo gusaba ko tuvugurura amakuru y'ubuzima yawe. (Ubusabe bwawe bugomba kuba bwanditse, kandi bugomba gusobanura impamvu amakuru agomba kuvugururwa.) Dushobora kwanga ubusabe bwawe mu bihe bimwe na bimwe.

IMENYESHA RIKOresha IKORANABUHANGA: Nubona iri Menyesha ku Rubuga Rwacu cyangwa ubutumwa bw'ikoranabuhanga (imeyiri), wemerewe kwakira iri Menyesha mu nyandiko ubisabye.

KURENGA KU BURYO BWO KUMENYESHA: Ufite uburenganzira bwo kumenyeshwa nidufata icyemezo ko habayeho kurenga ku makuru y'ubuzima yawe.



Guverinoma y'Intara ya Wake Imenyeshya ry'Uburyo bwo Kurinda Ubuzima Bwite

Bizatangira gukurikizwa:	04/14/2003	Byasuzumwe:	02/13/2026
--------------------------	------------	-------------	------------

IBIBAZO N'IBIREGO

Niba ushaka andi makuru ku buryo turinda ubuzima bwite cyangwa ukaba ufite ibibazo n'impungenge, hamagara uguha serivisi z'ubuvuzi cyangwa Umukozi w'Intara ya Wake Ushinzwe Kurinda Ubuzima Bwite kuri (919) 856-5643.

Niba ufite impungenge ko twaba tutubahirije uburenganzira bwawe bwo kugirirwa ibanga, cyangwa niba utemeranya n'icyemezo twafashe ku kubona amakuru y'ubuzima yawe cyangwa ku bijyanye n'ubusabe watanze bwo kuvugurura cyangwa kugabanya impamvu zituma amakuru y'ubuzima yawe akoreshewa cyangwa atanganzwa cyangwa kudasaba ko tuvugana nawe dukoreshe ubundi buryo cyangwa ahandi hantu, ushobora kubitumenyeshya ukoresheje aderesi iri aho iri ku musozo w'iri menyeshya. Ushobora kandi gutanga ikirego cyandiste ku Ishami rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Rishinzwe Ubuzima n'Imibereho y'Abaturage. Tuzaguha aderesi yo gutangiraho ikirego cyawe mu Ishami rya Amerika rishinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza mu gihe ubidusabye.

Dushyigikira uburenganzira bwawe kurinda ubuzima bwite buri mu makuru y'ubuzima yawe. Ntabwo tuzigera twihorera mu buryo ubwo ari bwo bwose nufata icyemezo cyo kudushyikiriza ikirego cyangwa ukagishyikiriza Ishami rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Rishinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage.